

ITANGAZO KURI GAHUNDA Y' INGENDO Z'ABANYESHURI BARI GUKORA IBIZAMINI BYA LETA BACUMBIKIWE KU MASHURI MU GIHE BAZABA BASUBIRA MU MIRYANGO YABO

Ikigo cy' Igihugu gishinzwe Ibizamini bya Leta n' Ubugenzuzi bw' Amashuri (NESAS) kiramenyeshya abanyarwanda, abafatanyabikorwa mu burezi, Abayobozi b'Uturere, Abayobozi b'ibigo by'amashuri, abarezi, ababyeyi, n' abanyeshuri bari gukora ibizamini bya Leta, ko gahunda yo gusubira mu miryango yabo iteye ku buryo bukurikira:

1. Kuva ku wa Gatatu tariki ya 28/07/2021 kugeza ku wa Kane tariki ya 29/07/2021 :

- Hazataha abanyeshuri bose bazaba basoje ibizamini ARIKO BATAHA MU TURERE ISHURI BAKORERAMO IBIZAMINI RIHEREREYEMO. Aba banyeshuri bazataha babifashijwemo, aho bishoboka, n' Ubuyobozi bw' Akarere;

2. Ku Cyumweru, tariki ya 01/08/2021: Intara y' Amajepfo n' Umujyi wa Kigali

- Hazataha abanyeshuri BATUYE MU TUNDI TURERE TUTARI UTWO AMASHURI BARI GUKORERAMO IBIZAMINI AHEREREYEMO bari mu ntara y' Amajepfo (Kamonyi, Muhanga, Ruhango, Nyanza, Huye, Nyamagabe, Nyaruguru na Gisagara) ndetse no mu Mujyi wa Kigali (Gasabo, Kicukiro, Nyarugenge);

3. Ku wa mbere, tariki ya 02/08/2021: Intara z' Amajyaruguru, Iburengerazuba n' Iburasirazuba

- Hazataha abanyeshuri BATUYE MU TUNDI TURERE TUTARI UTWO AMASHURI BARI GUKORERAMO IBIZAMINI AHEREREYEMO bari mu ntara y' Amajyaruguru (Gicumbi, Rulindo, Burera, Gakenke na Musanze), iy' Iburengerazuba (Nyabihu, Ngororero, Rubavu, Rutsiro, Karongi, Nyamasheke na Rusizi) no mu ntara y' Iburasirazuba (Nyagatare, Gatsibo, Kayanza, Kirehe, Ngoma, Rwamagana na Bugesera)

IBYITONDERWA:

- Abanyeshuri bazasigara ku mashuri bakora ibizaminingiro bya siyansi ariko batuye mu turere ibigo bakoreraho ibizamini biherereyemo nabo bazajya bataha uko barangije ibizamini;
- Abayobozi b' ibigo by' amashuri bikorerwaho Ibizamini bya Leta, abashinzwe uburezi mu Turere no mu Mirenge barasabwa (1) gukurikiranira hafi imibereho, n'imyitwarire y'abanyeshuri mu gihe bategereje gusubira mu miryango yabo, (2) kubahiriza ingengabihe y' ingendo uko iteganyijwe; no (3) gufasha abanyeshuri kugura amatike hakiri kare;
- Abarimu bari bari mu mirimo ijyanye n' Ibizamini bya Leta bakeneye gusubira mumiryango yabo barasabwa kwerekana ikarita bahawe na NESAS kugirango boroherezwe mu ngendo;
- Abanyeshuri bose barasabwa gukomeza kurangwa n' imyitwarire myiza, kumvira nta mananiza inama z' ababashinzwe no gukomeza kubahiriza amabwiriza ajyanye no kwirinda ikwirakwizwa ry'icyorezo cya COVID-19.

Bikorewe i Kigali, kuwa 27 Nyakanga 2021

Dr. BAHATI Bernard
Umuyobozi Mukuru